

ISOBANURAMPAMVU KU MUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIGENGA UBWOROZI, UBUZIMA BW'AMATUNGO N'UBUROBYI IGICE CYA MBERE: INTANGIRIRO Iri sobanurampamvu ryerekeye umushinga w'itegeko rigenga ubuzima bw'amatungo, ubworozi n'uburobyi mu Rwanda. Iri tegeko riziba ibyaho byagaragaye mu mategeko agenga ubworozi muri rusange. Iri tegeko rinagena uburyo n'inzira zo gutanga ububasha ku nzego zishinzwe ishyirwa mu bikorwa hifashishijwe itegeko cyangwa amabwiriza, ibyo bikazafasha mu ishyirwa mu bikorwa ryaryo hubahirizwa amategeko. Iri sobanurampamvu ryerekana impinduka z'ingenzi zakozwe ku mategeko ariho akurikira:	EXPLANATORY NOTE ON THE DRAFT LAW N° OF GOVERNING ANIMAL HUSBANDRY, ANIMAL HEALTH AND FISHERIES PART ONE: INTRODUCTION This explanatory note concerns the draft law governing animal husbandry, animal health and fisheries in Rwanda. The law is designed to address the gaps identified in the existing legal and regulatory framework governing animal resources. It further establishes the procedures and mechanisms for delegating authority to competent institutions through the issuance of orders or instructions, thereby ensuring effective implementation and compliance. This Explanatory note outlines the core changes made on the current laws: a) Law N° 54/2008 of 10/09/2008 governing the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda;	EXPOSÉ DES MOTIFS DU PROJET DE LOI N° DU RÉGISSANT L'ÉLEVAGE, LA SANTÉ ANIMALE ET LA PÊCHE PREMIERE PARTIE: INTRODUCTION La présente note explicative concerne le projet de loi relatif à l'élevage, la santé animale et la pêche au Rwanda. Cette loi a pour objet de combler les lacunes identifiées dans le cadre juridique et réglementaire existant régissant les ressources animales. Elle établit en outre les procédures et mécanismes de délégation de pouvoirs aux institutions compétentes par la délivrance d'arrêtés ou d'instructions, garantissant ainsi une mise en œuvre efficace et le respect des dispositions légales. Cette note explicative décrit les principaux
---	--	---

a) Itegeko n° 54/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda; b) Itegeko N° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda; c) Itegeko n° 33/2002 ryo ku wa 06/11/2002 rigenga ibiranga amatungo; d) Itegeko n° 25/2013 ryo ku wa 10/05/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda. 1. Amavu n'amavuko yo kuvugurura amategeko agenga ubworozi	b) Law n°58/2008 of 10/09/2008 determining the organization and management of aquaculture and fishing in Rwanda; c) Law N°33/2002 of 06/11/2002 governing domestic animal identification; d) Law N° 25/2013 of 10/05/2013 Determining the organisation and functioning of Beekeeping in Rwanda. 1. Background of revising the laws governing animal resources sub-sector A. Background The current laws governing animal resources were enacted mainly sixteen years ago. They are fragmented, and their implementing ministerial orders were issued later, which makes them difficult to execute and even to locate. Furthermore, subsequent changes and reforms in national and	changements apportés aux lois actuelles: a) Loi n° 54/2008 du 10/09/2008 régissant la prévention et la lutte contre les maladies contagieuses des animaux domestiques au Rwanda; b) Loi n° 58/2008 du 10/09/2008 portant l'organisation et la gestion de l'aquaculture et de la pêche au Rwanda; c) Loi n° 33/2002 du 06/11/2002 régissant l'identification des animaux domestiques; d) Loi n° 25/2013 du 10/05/2013 portant l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda.
--	---	--

A. Amavu n'amavuko Amategeko ariho agenga ubworozi muri rusange yashyizweho ahanini hashize imyaka cumi n'itandatu aranyanyagiye kandi amabwiriza ya Minisitiri ashyira mu bikorwa yaje nyuma bikaba bigoye kubishyira mu bikorwa ndetse no kubibona ku buryo bworoshye. Byongeye kandi, nyuma habaye impinduka n'ivugurura mu bijyanye n'icyerekezo, politiki n'ingamba ku rwego rw'igihugu ndetse n'amahanga u Rwanda rugomba kubahiriza. B. Intego zihariye z'iri tegeko Guhuza amategeko atatanye yavuzwe haruguru kugira ngo akore rimwe rifite intego yihariye yo gukemura ibibazo bijyanye na:	international visions, policies, and strategies require Rwanda's adherence. B. Specific Objectives of the Law The consolidation of the above-mentioned fragmented laws into a single legal instrument pursues the following specific objectives, namely to address challenges relating to: 1. Inconsistencies within the existing legal framework: Current legislation refers to obsolete institutions and does not align with the decentralized governance framework, under which responsibilities are shared between Districts and the Central Government. 2. Legal gaps: Key areas, including animal welfare and the regulation of the veterinary profession, remain insufficiently regulated under the current legal framework. The existing laws do not adequately cover	1. Contexte de la révision des lois régissant les ressources animales A. Contexte Les textes législatifs actuellement en vigueur régissant les ressources animales ont, pour l'essentiel, été adoptés il y a seize ans. Ils sont épars et leurs arrêtés ministériels d'exécution sont intervenus ultérieurement, ce qui complique leur application effective ainsi que leur identification. Par ailleurs, des évolutions et réformes ultérieures, tant au niveau national qu'international, en matière de vision, de politiques et de stratégies, imposent au Rwanda l'obligation de s'y conformer.
---	--	--

1. Kudahuza mu rwego rw'imikorere: amategako ariho akigaragaramo inzego zitakiriho kandi atajyana n'uburyo bwo kwegereza ubuyobozi abaturage, aho inshingano zigabanywa inzego z'ibanze na Guverinoma; 2. Icyuho mu mategeko: Ibice by'ingenzi nk'imibereho y'amatungo, no gushyiraho uburyo bw'imikorere y'umwuga w'ubuvuzi bw'amatungo ntibiteganyijwe neza mu mategeko akurikizwa ubu. Amategako ariho ubu nateganya mu buryo buhagije ibyerekeye ubworozi, uburyo bwo guteza imbere ingirabuzima fatizo, kubungabunga amatungo gakondo, kugaburira amatungo no gukurikirana amatungo n'ibiyakomokaho. 3. Kubahiriza amahame	critical domains such as animal husbandry, genetic improvement, conservation of indigenous breeds, animal feed value chains, and traceability of livestock and animal products. 3. Compliance with international standards: Most of the existing laws do not comply with, or adequately respond to, the requirements of the World Organisation for Animal Health (WOAH), including the Aquatic and Terrestrial Animal Health Codes, nor with other internationally recognized best practices. Significant deficiencies persist in legislation governing animal diseases, meat transportation, and veterinary practices. This reform aligns with international standards and best practices, as the draft law reflects the World Organisation for Animal Health (WOAH) Terrestrial Animal Health Code and its recommendations on the simplification of sanitary measures.	B. Objectifs spécifiques de la loi La consolidation des textes législatifs épars mentionnés ci-dessus en un seul instrument juridique vise à atteindre les objectifs spécifiques suivants, à savoir remédier aux difficultés liées à : 1. Les incohérences du cadre juridique existant: La législation en vigueur fait référence à des institutions devenues obsolètes et ne s'aligne pas sur le cadre de gouvernance décentralisée, dans lequel les compétences sont réparties entre les Districts et l'Administration centrale. 2. Les lacunes juridiques: Des domaines essentiels, notamment le bien-être animal et la réglementation de la profession vétérinaire, demeurent insuffisamment encadrés par le cadre juridique actuel. Les textes en vigueur ne couvrent pas de manière adéquate des secteurs clés tels que l'élevage, l'amélioration génétique, la
---	--	--

mpuzamahanga: Amenshi mu mategeko ariho ubu ntiyubahiriza, cyangwa ntasubiza bihagije, ibisabwa n'Ishami Mpuzamahanga ryita ku Buzima bw'Inyamaswa (WOAH), birimo Amategeko Ngengamikorere y'Ubuzima bw'Inyamaswa zo mu mazi n'iz'igasozi (Aquatic and Terrestrial Animal Health Codes), ndetse n'izindi ngamba n'imikorere myiza byemewe ku rwego mpuzamahanga. Haracyagaragara icyuho gikomeye mu mategeko agenga indwara z'amatungo, gutwara inyama, n'imikorere y'umwuga w'ubuvuzi bw'amatungo. Iri vugurura ry'amategeko rihuye n'amahame n'imikorere myiza byemewe ku rwego mpuzamahanga, kuko umushinga w'itegeko ugaragaza ibikubiye mu Mategeko Ngengamikorere y'Ubuzima bw'Inyamaswa zo ku butaka y'Ishami Mpuzamahanga ryita ku Buzima bw'Inyamaswa (WOAH), hamwe n'inama zaryo zijyanye no koroshya ingamba z'isuku n'ubuzima bw'inyamaswa. Mu gukemura ibibazo byagaragaye, WOAH — nk'uko byagaragajwe muri <i>Veterinary</i>	To address the identified challenges, the WOAH— as referenced in the Veterinary Legislation Support Programme: Identification Mission Report (2023) and the OIE PVS Evaluation Follow-Up Mission Report (2019) — recommended the revision of key primary legislation, in particular the Animal Health Law of 2008, as well as increased reliance on secondary legislation. This approach would create a more practical, flexible, and effective legal framework capable of addressing specific technical and regulatory needs. By implementing these changes, a robust legal framework can enhance the Animal Resources sub-sector's contribution to economic growth, public health, environmental sustainability and global competitiveness. Food safety and public health are equally	conservation des races locales, les chaînes de valeur des aliments pour animaux, ainsi que la traçabilité du bétail et des produits d'origine animale. 3. La conformité aux normes internationales: La majorité des textes législatifs en vigueur ne sont pas conformes, ou ne répondent pas de manière adéquate, aux exigences de l'Organisation mondiale de la santé animale (OMSA), notamment celles prévues par les Codes sanitaire pour les animaux terrestres et aquatiques, ni aux bonnes pratiques internationales reconnues. Des insuffisances majeures subsistent dans la législation relative aux maladies animales, au transports des viandes et aux pratiques vétérinaires. Cette réforme s'aligne sur les normes et les bonnes pratiques internationales, dans la mesure où le projet de loi reflète le Code sanitaire pour les animaux terrestres de l'Organisation mondiale de la santé animale (OMSA) ainsi que ses recommandations relatives à la simplification des mesures
--	--	--

<i>Legislation Support Programme: Identification Mission Report (2023) na OIE PVS Evaluation Follow-Up Mission Report (2019)</i> — yasabye kuvugurura amategeko y’ingenzi, cyane cyane itegeko rigenga ubuzima bw’inyamaswa ryo mu 2008, ndetse no kongera gukoresha amategeko yunganira (amateka n’amabwiriza ashyira mu bukorwa amategeko). Iri vugururwa nirishyirwa mu bikorwa rizazana imikorere ifatika, yoroshye, mu rwego rw’amategeko ashobora gukemura ibibazo mu rwego rwa tekini n’amahame bikenewe. Mu gushyira mu bikorwa izi mpinduka, urwego rukomeye rw’amategeko rushobora kuzamura uruhare rw’ubworozi mu kuzamura ubukungu, ubuzima rusange, iterambere ry’ibidukikije, ndetse n’ihiganwa ku rwego mpuzamahanga. Umutekano w’biribwa n’ubuzima rusange biri mu byitaweho binyuze mu mabwiriza agenga umusaruro, gutunganya, no gukwirakwiza ibikomoka ku matungo.	prioritized through regulations governing the production, processing, and distribution of animal products. These measures ensure that consumers have access to safe, high-quality products while safeguarding public health. The legal framework also provides a conducive environment for investment in animal resources and fisheries. Predictable and supportive policies encourage private sector participation and innovation, thereby driving economic growth and improving livelihoods in rural areas. Environmental sustainability constitutes a key pillar of the framework. By regulating waste management, grazing practices, and other related activities, it mitigates environmental degradation and promotes sustainable animal husbandry practices that protect ecosystems and natural resources. Alignment with international standards,	sanitaires. Afin de relever les défis identifiés, l’OMSA — tel que mentionné dans le <i>Veterinary Legislation Support Programme: Identification Mission Report (2023)</i> et le <i>OIE PVS Evaluation Follow-Up Mission Report (2019)</i> — a recommandé la révision des principales législations primaires, en particulier la loi sur la santé animale de 2008, ainsi qu’un recours accru à la législation secondaire. Cette approche permettrait de créer un cadre juridique plus pratique, plus souple et plus efficace, capable de répondre à des besoins techniques et réglementaires spécifiques. En mettant en œuvre ces changements, un cadre juridique solide peut améliorer la contribution du sous-secteur des ressources animales à la croissance économique, à la santé publique, à la durabilité environnementale et à la
--	--	---

Izi ngamba zituma abaguzi babona ibikomoka ku nyamaswa bifite umutekano, byujuje ubuziranenge, kandi bikarinda ubuzima rusange. Uburyo bw'amategeko bunateganya uburyo bwo gushora imari mu byerekeye ubworozi n'uburobyi. Politiki iriho ishyigikira ishoramari, ishishikariza uruhare rw'abikorera no guhanga ibishya, bityo zigateza imbere ubukungu bw'igihugu n'imibereho y'abaturage mu byaro. Kurengera ibidukikije ni imwe mu nkingi z'ingenzi z'uyu murongo ngenderwaho. Binyuze mu kugenzura imicungire y'imyanda, uburyo bwo kugaburira amatungo, n'izindi gahunda zifitanye isano n'ibi bikorwa, birinda kwangirika kw'ibidukikije kandi bigateza imbere uburyo burambye bwo korora amatungo burinda ibidukikije n'imari kamere.	including those established by the World Organisation for Animal Health (WOAH), strengthens Rwanda's competitiveness in global markets. Harmonizing national laws with these guidelines enhances compliance and expands opportunities for international trade in animal products. Finally, a robust legal framework must address emerging challenges, such as climate change, zoonotic diseases, antimicrobial resistance, and the need for traceability in animal resource production. Built-in flexibility to respond to these challenges ensures that the sector remains resilient and adaptable to evolving demands. The new law sets out key provisions, delegated power, taking into consideration the development partners and stakeholders' concerns.	compétitivité mondiale. La sécurité alimentaire et la santé publique sont également prioritaires dans le cadre des réglementations régissant la production, la transformation et la distribution des produits animaux. Ces mesures garantissent aux consommateurs l'accès à des produits sûrs et de haute qualité tout en protégeant la santé publique. Le cadre juridique favorise également un environnement propice à l'investissement dans les ressources animales et la pêche. Des politiques prévisibles et incitatives encouragent la participation et l'innovation du secteur privé, stimulant ainsi la croissance économique et améliorant les conditions de vie dans les zones rurales. La durabilité environnementale constitue un pilier essentiel de ce cadre. En réglementant la gestion des déchets, les pratiques de pâturage et d'autres activités connexes, il prévient la dégradation de
--	--	---

Guhuza amategeko n'amahame mpuzamahanga, cyane cyane ayashyizweho n'Ishami Mpuzamahanga ryita ku Buzima bw'Inyamaswa (WOAH), bigira uruhare mu kongera ubushobozi bw'u Rwanda bwo guhangana ku masoko mpuzamahanga. Guhuza amategeko y'igihugu n'aya mahame bigira uruhare mu kubahiriza amategeko no kwagura amahirwe yo gucuruza ku rwego mpuzamahanga ibikomoka ku matungo. Byongeye kandi, uburyo bw'amategeko bukomeye bugomba kwita ku bibazo bishya birimo ihindagurika ry'ikirere, indwara zituruka ku nyamaswa zigira ingaruka ku bantu, kurwanya imiti yica udukoko ikoreshejwe nabi, ndetse no gukurikirana inkomoko n'imikoreshereze y'ibicuruzwa by'amatungo. Ubushobozi bwo guhinduka no kwihutira gukemura ibi bibazo buzatuma uru rwego rw'amatungo ruguma rukomeza kugira imbaraga kandi rushobora guhangana n'ibikenewe bihindagurika. Itegeko rishya rishyiraho ingingo z'ingenzi, izitanga ububasha, hitawe ku byifuzo	The key elements of this new law include but not limited to: a) Plug of gaps identified by different studies and research; b) Public Health protection related to animal resources; c) Minimizing misuse of antimicrobials in animal resources; d) Highlight key role of veterinary services; e) Promoting sustainable livestock farming; f) Promoting emerging farming practices. <u>PART II. KEY CHANGES</u> Four current laws on animal resources have to be repealed since the new one proposed is a standalone. It proposes new aspects that were not catered for in current laws. This is particularly the aspect on animal welfare, animal production and products.	l'environnement et favorise des pratiques d'élevage durables qui protègent les écosystèmes et les ressources naturelles. L'harmonisation avec les normes internationales, notamment celles établies par l'Organisation mondiale de la santé animale (OMSA), renforce la compétitivité du Rwanda sur les marchés mondiaux. L'alignement des lois nationales sur ces lignes directrices favorise le respect des règles et élargit les opportunités de commerce international des produits d'origine animale. Enfin, un cadre juridique solide doit prendre en compte les enjeux émergents tels que le changement climatique, les maladies zoonotiques, la résistance aux antimicrobiens et la nécessité de traçabilité dans la production des ressources animales. La flexibilité intégrée pour faire face à ces défis garantit que le secteur demeure résilient et capable de s'adapter aux demandes en constante évolution.
---	--	--

n'impungenge by'afatanyabikorwa mu bworozi. Ibintu by'ingenzi bigize iri tegeko rishya ni ibi bikurikira: a) kuziba ibyaho byagaragajwe n'inyigo n'ubushakashatsi butandukanye; b) kurengera ubuzima rusange ku bijyanye n'ubworozi; c) kugabanya ikoresha nabi ry'imiti y'amatungo; d) kugaragaza uruhare runini rwa serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo; e) guteza imbere ubworozi burambye; f) guteza imbere uburyo bugezweho bwo korora. <u>IGICE CYA II: IMPINDUKA ZIRIMO</u>	This draft law provides a part on sanctions for malpractices which are not found in the four laws mentioned in preface. In the new law, the elements of conservation of local breeds and environmental protection are introduced. <u>PART. III: STRUCTURE OF THE DRAFT LAW</u> This draft Law consists of 50 articles contained in the following 7 chapters: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>CHAPTER II: IDENTIFICATION,</u>	La nouvelle loi définit les principales dispositions et pouvoirs délégués, en tenant compte des préoccupations des partenaires au développement et des parties prenantes. Les principaux éléments de cette nouvelle loi comprennent, sans toutefois s'y limiter: a) combler les lacunes identifiées par différentes études et recherches; b) protection de la santé publique liée au bétail et aux ressources animales; c) minimiser l'utilisation abusive des antimicrobiens dans le bétail; d) mettre en évidence le rôle clé des services vétérinaires; e) promouvoir un élevage durable; f) promouvoir les pratiques agricoles émergentes. <u>PARTIE II. DES CHANGEMENTS</u>
---	---	--

Amategeko ane agomba guhuzwa agakora itegeko rimwe rigenga ubworozi. Itegeko rishya riteganya zimwe mu nkingi zitabonekaga mu mategeko yari asanzwe. Twavuga nk'ibijyanye n'ubuzima bw'amatungo, ubworozi bwayo n'ibiyakomokaho. Uyu mushinga w'amategeko ufitemo igice cy'ibyaha n'ibihano kitagaragaraga mu mategeko yavuzwe mu ntangiriro. Mu itegeko rishya, hashyizwemo ingingo zo kubungabunga amoko gakondo no kurengera ibidukikije.	REGISTRATION AND FEEDING OF ANIMALS <u>CHAPTER III: ANIMAL GENETIC IMPROVEMENT, BREED CONSERVATION AND WELFARE</u> <u>CHAPTER IV: ANIMAL DISEASES, THEIR PREVENTION AND CONTROL</u> <u>CHAPTER V: MOVEMENT, TRANSPORT AND INSPECTION OF ANIMALS AND ANIMAL PRODUCTS</u> <u>CHAPTER VI: OFFENCES AND SANCTIONS</u> <u>CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	CLÉS Quatre lois actuelles relatives aux ressources animales doivent être abrogées, car la nouvelle loi proposée est autonome. Elle introduit de nouveaux aspects qui ne sont pas pris en compte par les lois en vigueur, notamment en ce qui concerne le bien-être animal, la production animale et les produits d'origine animale. Ce projet de loi comporte également une section relative aux sanctions en cas de pratiques abusives, qui n'est prévue dans aucune des quatre lois mentionnées en préambule. Dans la nouvelle loi, les éléments de conservation des races locales et de protection de l'environnement sont introduits.
--	---	--

<u>IGICE CYA III: IMITERERE Y'UMUSHINGA W'ITEGEKO</u> Uyu mushinga w'Itegeko ugizwe n'ingingo 50 zikubiye mu mitwe 7 ikurikira: <u>UMUTWE WAMBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>UMUTWE WA II: KURANGA, KWANDIKISHA NO KUGABURIRA AMATUNGO</u> <u>UMUTWE WA III: KUVUGURURA, GUSIGASIRA NO GUFATA NEZA AMATUNGO</u>		<u>PART. III: LA STRUCTURE DU PROJET DE LOI</u> Ce projet de loi comprend 50 articles répartis dans les 7 chapitres suivants : <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>CHAPITRE II: IDENTIFICATION, ENREGISTREMENT ET NUTRITION DES ANIMAUX</u> <u>CHAPITRE III : AMÉLIORATION GÉNÉTIQUE, CONSERVATION ET BIEN-ÊTRE DES ANIMAUX</u> <u>CHAPITRE IV : MALADIES DES ANIMAUX, LEUR PRÉVENTION ET LEUR CONTRÔLE</u>
---	--	---

<u>UMUTWE WA IV:</u> INDWARA Z'AMATUNGO, KUZIRINDA NO KUZIRWANYA <u>UMUTWE WA V:</u> INGENDO, UBWIKOREZI, N'UBUGENZUZI BY'AMATUNGO N'IBIYAKOMOKAHO <u>UMUTWE WA VI:</u> IBYAHA N'IBIHANO <u>UMUTWE WA VII:</u> INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA		<u>CHAPITRE V:</u> MOUVEMENT, TRANSPORT ET INSPECTION DES ANIMAUX ET DES PRODUITS D'ORIGINE ANIMALE <u>CHAPITRES VI:</u> INFRACTIONS ET SANCTIONS <u>CHAPITRE VII :</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRE ET FINALES
--	--	---

--	--	--

UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RIGENGA UBWOROZI, UBUZIMA BW'AMATUNGO N'UBUROBYI <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO</u> <u>RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbera:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'iri tegeko <u>UMUTWE WA II: KORORA,</u> <u>KURANGA, KWANDIKISHA NO</u> <u>KUGABURIRA AMATUNGO</u> <u>Ingingo ya 4:</u> Ahakorerwa ubworozi bw'amatungo <u>Ingingo ya 5:</u> Ibyiciro by'aborozi <u>Ingingo ya 6:</u> Iyandikwa ry'aborozi banini n'abaciriritse <u>Ingingo ya 7:</u> Amatungo arangwa	DRAFT LAW N° OF GOVERNING ANIMAL HUSBANDRY, ANIMAL HEALTH AND FISHERIES <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE: GENERAL</u> <u>PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Scope of application <u>CHAPTER II: ANIMAL</u> <u>HUSBANDRY, IDENTIFICATION,</u> <u>REGISTRATION AND FEEDING OF</u> <u>ANIMALS</u> <u>Article 4:</u> Place of animal husbandry <u>Article 5:</u> Categories of farmers <u>Article 6:</u> Registration of large and medium farmers <u>Article 7:</u> Animals subject to identification	PROJET DE LOI N° DU RÉGISSANT L'ÉLEVAGE, LA SANTÉ ANIMALE ET LA PÊCHE <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER :</u> <u>DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Champ d'application <u>CHAPITRE II : ÉLEVAGE,</u> <u>IDENTIFICATION,</u> <u>ENREGISTREMENT ET</u> <u>NUTRITION DES ANIMAUX</u> <u>Article 4 :</u> Lieu d'élevage des animaux <u>Article 5 :</u> Catégories des éleveurs <u>Article 6 :</u> Enregistrement de grands et de moyens éleveurs <u>Article 7 :</u> Animaux soumis à l'identification
---	---	---

<u>Ingingo ya 8:</u> Ibirango by’amatungo	<u>Article 8:</u> Identification marks of animals	<u>Article 8 :</u> Marques d’identification des animaux
<u>Ingingo ya 9:</u> Kwandika itungo	<u>Article 9:</u> Animal registration	<u>Article 9 :</u> Enregistrement d’un animal
<u>Ingingo ya 10:</u> Kwandika igisekuru cy’itungo	<u>Article 10:</u> Registration of animal pedigree	<u>Article 10 :</u> Enregistrement de la généalogie d’un animal
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibiryo by’amatungo	<u>Article 11:</u> Animal feeds	<u>Article 11 :</u> Aliments pour animaux
<u>Ingingo ya 12:</u> Gutunganya no gufata neza ibiryo by’amatungo	<u>Article 12:</u> Processing and safe handling of animal feeds	<u>Article 12 :</u> Traitement et manutention saine des aliments pour animaux
<u>UMUTWE WA III: KUVUGURURA, GUSIGASIRA NO GUFATA NEZA AMATUNGO</u>	<u>CHAPTER III: ANIMAL GENETIC IMPROVEMENT, BREED CONSERVATION AND WELFARE</u>	<u>CHAPITRE III : AMÉLIORATION GÉNÉTIQUE, CONSERVATION ET BIEN-ÊTRE DES ANIMAUX</u>
<u>Ingingo ya 13:</u> Kuvugurura itungo	<u>Article 13:</u> Animal genetic improvement	<u>Article 13 :</u> Amélioration génétique d’un animal
<u>Ingingo ya 14:</u> Gutunga no gukwirakwiza icyororo	<u>Article 14:</u> Possession and diffusion of a genetic material	<u>Article 14 :</u> Possession et diffusion du matériel génétique
<u>Ingingo ya 15:</u> Gusigasira ubwoko bw’amatungo gakondo	<u>Article 15:</u> Conservation of indigenous breeds	<u>Article 15 :</u> Conservation des races animales autochtones
<u>Ingingo ya 16:</u> Amahame shingiro yo gufata neza amatungo	<u>Article 16:</u> Fundamental principles of animal welfare	<u>Article 16 :</u> Principes fondamentaux du bien-être animal
<u>UMUTWE WA IV: INDWARA Z’AMATUNGO, KUZIRINDA NO KUZIRWANYA</u>	<u>CHAPTER IV: ANIMAL DISEASES, THEIR PREVENTION AND CONTROL</u>	<u>CHAPITRE IV : MALADIES DES ANIMAUX, LEUR PRÉVENTION ET LEUR CONTRÔLE</u>

<u>Icyiciro cya mbere:</u> Indwara z'amatungo	<u>Section One:</u> Animal diseases	<u>Section première :</u> Maladies des animaux
<u>Ingingo ya 17:</u> Ibyiciro n'urutonde by'indwara z'amatungo	<u>Article 17:</u> Classification and listing of animal diseases	<u>Article 17 :</u> Catégories et liste des maladies des animaux
<u>Ingingo ya 18:</u> Imenyekanisha ry'indwara yandura	<u>Article 18:</u> Notification of a contagious disease	<u>Article 18 :</u> Déclaration d'une maladie contagieuse
<u>Ingingo ya 19:</u> Igenzura ry'indwara z'amatungo	<u>Article 19:</u> Surveillance of animal diseases	<u>Article 19 :</u> Surveillance des maladies des animaux
<u>Ingingo ya 20:</u> Ingamba zifatwa iyo hakekwa indwara	<u>Article 20:</u> Measures taken in case of a suspected disease	<u>Article 20 :</u> Mesures prises en cas de suspicion d'une maladie
<u>Ingingo ya 21:</u> Kwemeza indwara yandura	<u>Article 21:</u> Confirmation of a contagious disease	<u>Article 21 :</u> Confirmation d'une maladie contagieuse
<u>Ingingo ya 22:</u> Gushyiraho ingamba zo kurwanya no gukumira indwara yandura yemejwe	<u>Article 22:</u> Measures to control and prevent a confirmed contagious disease	<u>Article 22 :</u> Mesures de contrôle et de prévention d'une maladie contagieuse confirmée
<u>Icyiciro cya 2:</u> Kwirinda no kurwanya indwara z'amatungo	<u>Section 2:</u> Prevention and control of animal diseases	<u>Section 2 :</u> Prévention et contrôle des maladies des animaux
<u>Ingingo ya 23:</u> Gukumira amatungo	<u>Article 23:</u> Isolation of animals	<u>Article 23 :</u> Isolement des animaux
<u>Ingingo ya 24:</u> Icyemezo cyo kurangiza ikumirwa	<u>Article 24:</u> Certificate of compliance with isolation	<u>Article 24 :</u> Certificat de conformité à l'isolement
<u>Ingingo ya 25:</u> Gukingira amatungo indwara zandura	<u>Article 25:</u> Vaccination of animals against contagious diseases	<u>Article 25 :</u> Vaccination des animaux contre les maladies contagieuses

<u>Ingingo ya 26</u> Kurinda ubushobozi bw'imiti y'amatungo	<u>Article 26:</u> Safeguarding the effectiveness of veterinary medicines	<u>Article 26</u> : Préservation de l'efficacité des médicaments vétérinaires
<u>Ingingo ya 27:</u> Kurwanya ikwirakwizwa ry'indwara yandura	<u>Article 27:</u> Control of the spread of a contagious disease	<u>Article 27</u> : Lutte contre la propagation d'une maladie contagieuse
<u>Ingingo ya 28:</u> Kuvana mu bworozi amatungo arwaye indwara yandura	<u>Article 28:</u> Stamping out of animals infected with contagious disease	<u>Article 28</u> : Abattage sanitaire des animaux infectés par une maladie contagieuse
<u>Ingingo ya 29:</u> Uburyo bwo kuvana mu bworozi itungo	<u>Article 29:</u> Stamping out process	<u>Article 29</u> : Modalités d'abattage sanitaire
<u>Ingingo ya 30:</u> Kuvanaho intumbi y'itungo	<u>Article 30:</u> Disposal of a carcass	<u>Article 30</u> : Destruction du cadavre d'un animal
<u>Ingingo ya 31:</u> Isukura ry'ahakorera ubworozi mu gihe cy'indwara yandura	<u>Article 31:</u> Disinfection of rearing premises during an outbreak of a contagious disease	<u>Article 31</u> : Désinfection des lieux d'élevage en cas de maladie contagieuse
<u>Ingingo ya 32:</u> Gukumira ugutera kw'indwara aho amatungo yororerwa	<u>Article 32:</u> Biosecurity measures at farm level	<u>Article 32</u> : Mesures de biosécurité au niveau de la ferme
<u>UMUTWE WA V:</u> INGENDO, UBWIKOREZI N'UBUGENZUZI BY'AMATUNGO N'IBIYAKOMOKAHO	<u>CHAPTER V:</u> MOVEMENT, TRANSPORTATION AND INSPECTION OF ANIMALS AND ANIMAL PRODUCTS	<u>CHAPITRE V</u> : MOUVEMENT, TRANSPORT ET INSPECTION DES ANIMAUX ET DES PRODUITS D'ORIGINE ANIMALE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingendo z'amatungo n'ubwikorezi bw'ibiyakomokaho	<u>Section One:</u> Movement of animals and transportation of animal products	<u>Section première</u> : Mouvement des animaux et transport des produits d'origine animale

<u>Ingingo ya 33:</u> Uruhushya rw'ingendo z'amatungo n'urw'ubwikorezi bw'ibiyakomokaho	<u>Article 33:</u> Permit for the movement of animals and transportation of animal products	<u>Article 33 :</u> Permis de mouvement des animaux et de transport des produits d'origine animale
<u>Ingingo ya 34:</u> Ibyemezo bifatirwa amatungo yinjizwa cyangwa anyuzwa mu Gihugu	<u>Article 34:</u> Decisions on imported or transiting animals	<u>Article 34 :</u> Décisions concernant les animaux importés ou en transit dans le pays
<u>Ingingo ya 35:</u> Ahinjirira n'ahasohokera amatungo n'ibiyakomokaho	<u>Article 35:</u> Entry and exit points for animals and animal products	<u>Article 35 :</u> Postes d'entrée et de sortie des animaux et des produits d'origine animale
<u>Iciviro cya 2:</u> Ubugenzuzi bw'amatungo n'ibiyakomokaho n'uburobyi	<u>Section 2:</u> Inspection of animals and animal products and fisheries	<u>Section 2 :</u> Inspection des animaux et des produits d'origine animale et la pêche
<u>Ingingo ya 36:</u> Ubugenzuzi bw'amatungo n'ibiyakomokaho bitanyuze mu nganda	<u>Article 36:</u> Inspection of animals and unprocessed animal products	<u>Article 36 :</u> Inspection des animaux et des produits d'origine animale non-transformés
<u>Ingingo ya 37:</u> Uburobyi	<u>Article 37:</u> Fisheries	<u>Article 37 :</u> Pêche
<u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 38:</u> Amakosa n'ibihano	<u>Article 38:</u> Faults and sanctions	<u>Article 38 :</u> Fautes et sanctions
<u>Ingingo ya 39:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 39:</u> Repealing provision	<u>Article 39 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 40:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 40:</u> Language provision	<u>Article 40 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 41:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 41:</u> Entry into force	<u>Article 41 :</u> Entrée en vigueur

UMUSHINGA W'ITEGEKO N° OF RYO KU WA RIGENGA UBWOROZI, UBUZIMA BW'AMATUNGO N'UBUROBYI Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika; INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA INTEKO ISHINGA AMATEGEKO: Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa; Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; Isubiye ku Itegeko n° 33/2002 ryo ku wa 06/11/2002 ryerekeye ibiranga amatungo; Isubiye ku Itegeko n° 54/2008 ryo ku wa	DRAFT LAW N° OF GOVERNING ANIMAL HUSBANDRY, ANIMAL HEALTH AND FISHERIES We, KAGAME Paul, President of the Republic; THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA THE PARLIAMENT: The Chamber of Deputies, in its sitting of ; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; Having reviewed Law n° 33/2002 of 06/11/2002 regarding livestock identification; Having reviewed Law n° 54/2008 of	PROJET DE LOI N° DU RÉGISSANT L'ÉLEVAGE, LA SANTÉ ANIMALE ET LA PÊCHE Nous, KAGAME Paul, Président de la République ; LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA LE PARLEMENT : La Chambre des Députés, en sa séance du ; Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ; Revu la Loi n° 33/2002 du 06/11/2002 portant identification du bétail ; Revu la Loi n° 54/2008 du 10/09/2008
--	---	---

10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda; Isubiye ku Itegeko n° 58/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imitunganyirize n’imicungire y’ubworozi bwo mu mazi n’uburobyi mu Rwanda; Isubiye ku Itegeko n° 25/2013 ryo ku wa 10/05/2013 rigena imitunganyirize n’imikorere y’ubuvumvu mu Rwanda; YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga ubuzima bw’amatungo, ubworozi n’uburobyi, hagamijwe kongera umubare w’amatungo, umusaruro w’ibiyakomokaho mu bwinshi no mu bwiza, bigamije guteza imbere ababikora n’Igihugu. <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri tegeko:	10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda; Having reviewed Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organisation and management of aquaculture and fishing in Rwanda; Having reviewed Law n° 25/2013 of 10/05/2013 determining the organization and functioning of beekeeping in Rwanda; ADOPTS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs animal health, husbandry, and fisheries with the aim of increasing the number of animal species, the quantity and quality of animal products, in order to improve farmers’ livelihoods and contribute to national development. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Law:	portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda ; Revu la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008 portant organisation de l’aquaculture et de la pêche au Rwanda ; Revu la Loi n° 25/2013 du 10/05/2013 déterminant l’organisation et le fonctionnement de l’apiculture au Rwanda ; ADOpte : <u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier</u> : Objet de la présente loi La présente loi régit la santé animale, l’élevage et la pêche en vue d’accroître la quantité et la qualité des espèces animales et les produits d’origine animale pour améliorer les conditions de vie des éleveurs et le développement du pays. <u>Article 2</u> : Interprétation Dans la présente loi :
--	---	---

(a) « agace gakekwamo indwara » bivuga agace gakikije agace karimo indwara; (b) « agace kagomba kurindwa » bivuga agace gakikije agace gakekwamo indwara; (c) « agace kanduye indwara » bivuga inyubako, ikiraro, ikiraro rusange, urugo, urupangu, urwuri, umurima w'ubwatsi, iriba rusange, ikiyaga, umugezi, icyuzi, amazi yororerwamo cyangwa uruvumvu bishobora kuba byarandujwe n'agakoko gatera indwara yagaragaye mu itungo rirwaye; (d) « agace katarangwamo indwara » bivuga ahantu hafite imbibi zizwi hakorerwa igenzura ry'amatungo, iry'ibiyakomokaho n'iry'ibikoresho byakoreshejwe bishobora gukongeza indwara bikagaragara ko nta ndwara iharangwa mu gihe runaka; (e) « akato » bivuga ifatwa ry'ibyemezo bigamije gushyira mu kato no gukurikirana amatungo ari ahantu runaka mu gihugu, kugira	(a) “a suspected zone” means an area surrounding the infected area; (b) “protected zone” means an area surrounding the suspected zone; (c) “infected zone” means any building, cowshed, communal shed, homestead, enclosure, pasture, forage plantation, valley dam, lake, river, fishing pond, fishing water, or apiary that may have been contaminated with a pathogenic agent identified in an infected animal; (d) “disease-free zone” means an area with clearly defined boundaries in which animals, animal products and fomites are under surveillance and have been officially declared free from disease during a specified period; (e) “quarantine” means the application of measures to isolate and monitor animals located in a specified area of the country in	(a) « zone de suspicion » signifie une zone s'étendant tout autour d'une région contaminée ; (b) « zone de protection » signifie une zone s'étendant tout autour d'une zone de suspicion ; (c) « zone d'infection » signifie un bâtiment, une étable, une étable commune, une habitation, un enclos, une ferme, un pâturage, un champ fourrager, un point d'eau communal, un lac, une rivière, un étang piscicole ou un rucher pouvant avoir été contaminé par un agent pathogène diagnostiqué chez un animal infecté ; (d) « zone indemne de maladie » signifie une zone avec délimitation précise dans laquelle les animaux, les produits d'origine animale et les fomites font l'objet d'une surveillance et déclarés indemnes de maladie dans une période bien définie ; (e) « quarantaine » signifie l'application de mesures visant à isoler et surveiller les animaux situés dans une zone spécifique du
--	--	---

ngo hamenyekane imiterere y'indwara n'uburyo bwo kuyikumira; (f) « ibikomoka ku matungo » hakubiyemo amata, inyama, amafi, “<i>crayfish</i>” amagi, ubuki, impu, amahembe, ifumbire, ikiremve, ubwoya n'amababa, igishashara, urucumbu, igikoma cy'urwiru, intsinda, ubumara bw'inzuki, amaganga, inzara, amagufwa, ibinono, intanga, insoro zikomoka ku matungo n'ibindi bibikomokaho bitanyuze mu nganda; (g) « ikumira » bivuga gufungira amatungo yanduye ahantu hamwe hagamijwe kuyarinda guhura n'andi atarwaye hagamijwe gukumira indwara; (h) « indwara » bivuga ibintu bidasanze bigira ingaruka mbi ku miterere cyangwa ku mikorere y'umubiri bikarangwa n'ibimenyetso bigaragaza uburwayi; (i) « indwara yandura » bivuga	order to determine their disease status and prevent the spread of the infection; (f) “animal products” include milk, meat, fish, crayfish, eggs, honey, hides and skins, horns, manure, clotted blood, wool, feathers, bees wax, propolis, royal jelly, pollen, bee venom, urine, nails, bones, hooves, sperms, embryos from animals, and their unprocessed derivatives; (g) “isolation” means the confinement of infected animals in a designated area to prevent contact with uninfected animals and thereby stop the spread of the disease; (h) “disease” means an abnormal condition that adversely affects the structure or function of an organism and is characterized by specific signs or symptoms of illness; (i) “contagious disease” means an	pays, afin de déterminer leur statut sanitaire et de prévenir la propagation de l'infection ; (f) « produits d'origine animale » comprennent le lait, la viande, le poisson, l'écrevisse, les œufs, le miel, les peaux et cuirs, les cornes, le fumier, le sang coagulé, la laine et les plumes, la cire d'abeille, la propolis, la gelée royale, le pollen, le venin d'abeille, l'urine, les ongles, les os, les sabots, le sperme, les embryons d'animaux et leurs dérivés non transformés ; (g) « isolement » signifie le confinement des animaux infectés dans une zone désignée afin d'éviter tout contact avec les animaux non infectés et ainsi empêcher la propagation de la maladie ; (h) « maladie » signifie des conditions anormales affectant négativement la structure ou la fonction d'un organisme, et elles sont accompagnées de symptômes caractérisant l'état de l'infection ; (i) « maladie contagieuse » signifie
---	--	---

indwara iterwa n'agakoko ikwirakwira mu buryo butaziguye cyangwa buziguye; (j) « inkomoko y'itungo » bivuga ahantu itungo riturutse cyangwa inkomoko y'igisekuru cyaryo; (k) « itungo » bivuga inyamabere, ibiguruka, ibinyabuzima byo mu mazi n'inigwahabiri byororwa hagamijwe inyungu iyo ari yo yose; (l) « itungo rikekwaho indwara yandura » bivuga itungo rigaragaza ibimenyetso n'imihindukire y'umubiri bijyanye n'indwara, iranyuze cyangwa iryabaye ahantu hagaragaye indwara yandura cyangwa hashobora kuba hakekwaho iyo ndwara byatuma rikekwaho iyo ndwara yandura; (m) « itungo ryafashwe n'indwara yandura » bivuga itungo rigaragaza ibimenyetso by'indwara cyangwa imihindagurikire y'umubiri bidashidikanywaho byemejwe n'umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha cyangwa laboratwari	illness caused by a pathogenic agent that can be transmitted through direct or indirect contact; (j) “origin of animal” means a place of origin of an animal or where its pedigree is traced; (k) “animal” means mammals, birds, aquatic animals and insects that are reared for any interest; (l) “animal suspected to be infected with contagious disease” means an animal that shows clinical signs and physical changes consistent with the disease, and that has passed through or stayed in a particular location where the disease is known or suspected to occur, thereby justifying the assumption that it is infected; (m) “animal infected with a contagious disease” means an animal that shows pathognomonic signs or physical alterations associated with a contagious disease as confirmed by a competent veterinarian or approved laboratory;	une maladie causée par un agent pathogène qui se transmet par contact direct ou indirect ; (j) « origine d'un animal » signifie un lieu d'un animal ou de sa ligne généalogie ; (k) « animal » signifie les mammifères, les oiseaux, les animaux aquatiques et les insectes élevés pour un intérêt quelconque ; (l) animal suspecté d'une maladie contagieuse » signifie un animal présentant des symptômes et des altérations du corps, ayant transité ou ayant séjourné dans une zone particulière de telle sorte qu'il est suspecté d'être infecté d'une maladie contagieuse ; (m) « animal atteint d'une maladie contagieuse » signifie un animal présentant des symptômes pathognomoniques ou des altérations corporelles d'une maladie contagieuse confirmée par un vétérinaire compétent ou un laboratoire agréé ;
---	--	--

yemewe; (n) « kuvana itungo mu bworozi » bivuga icyemezo gifatwa n’urwego rufite ubworozi n’ubuzima bw’amatungo mu nshingano, iyo hemejwe ko indwara ihari, kigamije kuvana mu bworozi itungo rirwaye cyangwa ryanduye ryo mu ishyo, n’iryo mu rindi shyo ryahuye na ryo cyangwa riri mu ntera igenwa hakurikijwe ubwoko bw’indwara hagamijwe guhagarika ikwirakwira ryayo; (o) « kuvugurura amatungo » bivuga ubryo bwo kubangurira amatungo adahuje ubwoko, hakoreshejwe uburyo gakondo cyangwa ubw’ikoranabuhanga, aho itungo rimwe rifatwa nk’iry’icyitegererezo irindi ari irigomba kongererwa ubushobozi bwo gutanga umusaruro mwiza kandi mwinshi, uwo musaruro ukagaragarira mu itungo rizayakomokaho; (p) « Minisitiri » bivuga Minisitiri ufite ubworozi mu nshingano;	(n) “stamping out an animal” means a decision taken by the authority in charge of animal production and health, upon confirmation of a disease, to eliminate a diseased or infected animal within a herd, or any animal from another herd that has been in contact with it or is located within a specified distance, as determined by the nature of disease, in order to stop its spread; (o) “animal genetic improvement” means the process of mating animals of different breeds, through natural methods or reproductive biotechnologies, where one breed is considered genetically superior and the other is targeted for improvement, with the goal of achieving enhanced traits in the offspring. (p) “Minister” Minister in charge of animal resources;	(n) « abattage sanitaire » signifie une décision prise par l’organe ayant la production et la santé animale dans ses attributions en cas de confirmation d’une maladie, consistant à abattre un animal malade ou contaminé d’un troupeau donné, ou celui d’un autre troupeau ayant été en contact avec cet animal ou se trouvant dans un périmètre défini selon le type de maladie en vue d’arrêter la propagation de la maladie ; (o) « amélioration génétique des animaux » signifie croiser des animaux de races différentes, en utilisant des méthodes naturelles ou des moyens de reproduction biotechnologique impliquant une race considérée comme étant de qualité supérieure et une autre devant être génétiquement améliorée, tout en escomptant une amélioration apparaissant dans leur progéniture ; (p) « Ministre » signifie le Ministre ayant les ressources animales dans ses attributions ;
---	---	--

(q) « uburobyi » igikorwa kigamije gufata ibinyabuzima byemewe byo mu mazi rusange hakoreshejwe uburyo n'ibikoresho byemewe n'amategeko; (r) « ubwandu » bivuga kwinjira no kororoka kw'agakoko gatera indwara mu mubiri w'itungo, yaba igaragaza ibimenyetso by'indwara cyangwa itabigaragaza; (s) « umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha » bivuga umuganga w'amatungo wa Leta cyangwa wigenga wemewe n'Urugaga rw'abaganga b'amatungo mu Rwanda. <u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u> Iri tegeko rireba – (a) ubworozi bw'amatungo; (b) ibikomoka ku matungo bitanyuze mu nganda; (c) indwara zifata amatungo; (d) indwara zifata abantu ziturutse ku	(q) “fisheries” means the activity of capturing living aquatic organisms or plant species from open water bodies using equipment authorized by law; (r) “infection” means entry and multiplication of a pathogenic agent in an animal's body, with or without signs of a disease; (s) “competent veterinarian” means a public or private veterinary doctor recognized by the Rwanda Council of veterinary doctors. <u>Article 3: Scope of application</u> This Law applies to – (a) animal husbandry; (b) unprocessed animal products; (c) animal diseases; (d) zoonotic diseases transmitted by	(q) « pêche » signifie l'activité de capture d'organismes aquatiques vivants ou d'espèces végétales dans les plans d'eau ouverts, à l'aide d'équipements autorisés par la loi. ; (r) « infection » signifie l'entrée et la multiplication d'un agent pathogène dans le corps d'un animal, avec ou sans signes de maladie ; (s) « vétérinaire compétent » signifie un médecin vétérinaire de l'État ou privé agréé par l'Ordre des médecins vétérinaires au Rwanda. <u>Article 3 : Champ d'application</u> La présente loi s'applique – (a) à l'élevage ; (b) aux produits d'origine animale non- transformés ; (c) aux maladies qui attaquent les animaux ; (d) zoonoses qui se transmettent par le
--	---	--

matungo mazima cyangwa ku biyakomokaho; (e) n'uburobyi. UMUTWE WA II: KORORA, KURANGA, KWANDIKISHA NO KUGABURIRA AMATUNGO <u>Ingingo ya 4: Ahakorerwa ubworozi bw'amatungo</u> Ubworozi bukorerwa ku butaka cyangwa mu mazi hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko abigenga. <u>Ingingo ya 5: Ibyiciro by'aborozi</u> (1) Abarozi bari mu byiciro bikurikira: (a) aborozi banini; (b) aborozi baciriritse; (c) aborozi bato. (2) Iteka rya Ministiri rigena ibigenderwaho mu gushyiraho ibyiciro by'aborozi.	live animals or animal products; and (e) (e) fisheries. CHAPTER II: ANIMAL HUSBANDRY, IDENTIFICATION, REGISTRATION AND FEEDING OF ANIMALS <u>Article 4: Place of animal husbandry</u> Animal husbandry is carried out on land or in water in accordance with the provisions of this Law or other relevant legislation. <u>Article 5: Categories of farmers</u> (1) Farmers are classified into the following categories: (a) large farmers; (b) medium farmers; (c) small farmers. (2) An Order of the Minister determines the criteria for the categorization of farmers.	biais des animaux vivants ou des produits d'origine animale ; et (e) à la pêche. CHAPITRE II : ÉLEVAGE, IDENTIFICATION, ENREGISTREMENT ET NUTRITION DES ANIMAUX <u>Article 4 : Lieu d'élevage des animaux</u> L'élevage est pratiqué sur terre ou dans l'eau conformément aux dispositions de la présente loi ou à une autre législation en la matière. <u>Article 5 : Catégories des éleveurs</u> (1) Les éleveurs sont répartis en catégories suivantes : (a) les grands éleveurs ; (b) les éleveurs moyens ; (c) les petits éleveurs. (2) Un arrêté du Ministre détermine les critères de catégorisation des éleveurs.
--	--	---

<u>Ingingo ya 6: Iyandikwa ry’aborozi banini n’abaciriritse</u> Umworozi munini cyangwa uciriritse agomba kwiandikisha ku rwego rufite ubworozi n’ubuzima bw’amatungo mu nshingano. <u>Ingingo ya 7: Amatungo arangwa</u> Amatungo arangwa ni aya akurikira: (a) amatungo yororerwe mu Gihugu; (b) amatungo yinjijwe mu Gihugu; (c) n’amatungo anyujijwe mu Gihugu ajyanywe ahandi.	<u>Article 6: Registration of large and medium farmers</u> A large or medium farmer must register with the authority in charge of animal production and health. <u>Article 7: Animals subject to identification</u> The following animals are subject to identification: (a) animals reared inside the country; (b) imported animals; and (c) animals in transit.	<u>Article 6 : Enregistrement de grands et de moyens éleveurs</u> Le grand ou le moyen éleveur doit se faire enregistrer auprès de l’organe ayant la production et la santé animales dans ses attributions. <u>Article 7 : Animaux soumis à l’identification</u> Les animaux suivants sont soumis à l’identification : (a) les animaux élevés dans le pays ; (b) les animaux importés ; et (c) les animaux en transit.
